

# Ububanyi n'Amahanga: U Rwanda n'u Budage byiyemeje kwagura ubufatanye mu Iterambere n'Ishoramari

December 18, 2023

***Ibihugu by'u Rwanda n'u Budage byiyemeje kurushaho kwagura ubufatanye mu iterambere harimo ishoramari mu nganda n'ubucuruzi.***

Ni nyuma y'ibiganiro Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga w'u Rwanda, Dr Vincent Biruta yagiranye na mugenzi we w'u Budage, Annalena Baerbock.

*Minister [@Vbiruta](#) held a bilateral meeting with Hon. [@ABaerbock](#), Germany's Minister for Foreign Affairs, who is in Rwanda for the inauguration of BioNTech's Vaccine Manufacturing Site in Kigali. They discussed ways to boost cooperation, trade, and investment. [pic.twitter.com/gAnylXal3x](https://pic.twitter.com/gAnylXal3x)*

*– Ministry of Foreign Affairs & Int'l Cooperation (@RwandaMFA) [December 18, 2023](#)*

Aba baminisitiri bombi babanje kugirana ibiganiro byari bigamije kurushaho kwagura ubufatanye mu nzego zitandukanye, hanzwa umubano mwiza usanzwe hagati y'u Rwanda n'u Budage.

Minisitiri Dr Biruta agaragaza ko hifuzwa kongerwa imbaraga mu bucuruzi n'inganda.

Minisitiri Baerbock we yagaragaje ko hari ibyo u Budage bwakwigira ku Rwanda nk'ihame ry'uburinganire no guteza imbere abagore.

U Rwanda n'u Budage bisanganywe ubufatanye mu iterambere binyuze mu nzego zirimo uburezi bwibanda ku bumenyigiro n'imyuga, imiyoborere, ubuzima, inganda n' izindi.